## Amabwiriza yerekeranye no gusiba, impushya ndetse n'ikiruhuko muli Introdukjsonsprogrammet

Amategeko yerekeranye no gusiba muli program ya introduction, ameze kimwe n'amategeko y'abakozi basanzwe. Kimwe kidasanzwe nuko umuntu adashobora kubona igice cy'ikiruhuko cy'uburwayi. Naho ku byerekeranye no guhabwa impushya, hakozwe amabwiriza yihariye ku bantu bitabira programe ya intro, ayo mabwiriza akaba atandukanye n'abandi bali mu kazi gasanzwe.

Uramutse urwaye, ugomba kubimenyesha byihuse, muli komine utuyemo, abarimu bawe cyangwa se aho ukorera umwitozo w'akazi. Icyo gihe urabibamenyesha mu gihe uri bugume mu rugo kubera uburwayi. Mu gihe ufite impamvu yo gusiba yumvikana kandi yemewe, wemerewe kuguma ubona amafaranga ya introduction. Mu gihe utabimenyesheje, cyangwa mu gihe udafite urwandiko ruvuye kwa muganga rwemeza ko urwaye, ikindi kandi ni mu gihe udafite uruhushya rwo gusiba. Aha ukatwa amafaranga angana n''amasaha cyangwa iminsi wasibye. Iyo wasibye nta mpamvu watanze, ntibyemewe. Icyo gihe ugumye ubikora nta mpamvu, ushobora kubura uburenganzira bwo kuguma muli program ya introduction.

### Uburwayi

Mu gihe wavuze ko urwaye cyangwa ufite urupapuro ruvuye ku muganga rwemeza ko urwaye, ushobora gusiba program ya introduction igihe uburwayi butakwemerera kwitabira iyi program. Iyo bigenze iko uramutse urwaye, icyo ugomba gukora ni ukumenyesha. Ushobora kumenyesha mu ukoresheje urwandiko cyangwa mu mvugo. Wandikira cyangwa ugahamagara ubushinzwe muli komine. Ashobora kuba umujyanama wo muli iprograme ya introduction cyangwa se umwarimu wawe. Ibi ni mu gihe urwaye.

- Kugirango ubashe kwitangira ubutumwa ko warwaye, ugomba kuba umaze ibyumweru 8 muli programe ya intro. Naho ubundi mbere y'ibyo byumweru 8, ugomba kuba ufite urupapuro ruvuye kwa muganga rwemeza ko utali bubashe kwitabira gahunda ya programe ya intro.

- Wemerewe inshuro zigera kuli 4 gusa mu mwaka mu kwitangira ubutumwa ko warwaye. Buri nshuro kandi wavuze ko urwaye ntigomba kurenza iminsi 3.

- Mu gihe urwaye iminsi irenze 3, ugomba kubigaragaza n'urupapuro ruvuye ku muganga. Ugomba kandi kugaragaza urupapuro ruvuye ku muganga mu gihe wakoresheje inshuro wemerewe zigeze kuli 4 mu gihe cy'umwaka. Ni ukuvuga mu gihe cy'amezi 12.

Mu gihe ufite umwana cyangwa abana barwaye, wemerewe kugumana nabo ubarwaje mu gihe kitarenze iminsi 10 mu mwaka (amezi 12).

Mu gihe ufite abana barenze 2, wemerewe kubarwaza iminsi 15 mu gihe cy'amezi 12.

Mu gihe wibana wenyine n’umwana 1 cyangwa 2, wemerewe kubarwaza iminsi 20 mu mwaka. Hanyuma uramutse wibana ufite abana barenze 2, wemerewe iminsi 30 mu gihe cy’amezi 12.

Uramutse ufite umwana ufite uburwayi budasanzwe, cyangwa uramutse ufite umwana ufite ubumuga; bikaba byatuma usiba muli gahunda za programe ya intro, wemerewe iminsi 12 yo gusiba mu mwaka ( amezi 12). mu gihe wibana wenyine n’umwana umeze uko, wemerewe iminsi 40 mu mwaka.

Umuntu ufatwa nk’urera umwana wenyine, ashobora no kuba ufite umugabo cyangwa umugore ufite ubumuga butuma adashobora kwita ku mwana uko bikwiye. Ibi ni nko umugihe uyu aba mu kigo nderabuzima, bitewe n’ubumuga afite.

Ubu burenganzira bwemererwa kandi mu gihe ushinzwe gucunga cyangwa urera umwana, nawe arwaye.

Mu gihe gusiba k’umwe muri abo bavuzwe, kurengeje iminsi 3, nawe agomba kwerekana urupapuro ruvuye kwa muganga rwemeza ko arwaye.

**Gusiba muli programe ya introduction**

*Gisiba gutewe no gutwita*

Iyo utitwe, wemerewe kugira iminsi usiba muli programe ya intro kandi ukaguma uhembwa, mu gihe ugiye ugomba kujya ku muganga, nko kwipimisha. Iyo utwite wemerewe iminsi igera ku 10, mu gihe wagiye muli gahunda zerekeranye n’uko utwite. Iki gihe kandi wasibye, wemerewe kuguma uhembwa.

*Gusiba kubera konsa*

Mu gihe ufite umwana uli ku ibere, wemerewe kugumana uburenganzira bwawe muli programe ya introduction. Wemerewe kandi isaha imwe ku munsi yo konsa.

**Ikiruhuko kidahemberwa muli programe ya introduction mu gihe wabyaye cyangwa ugiye kurera undi mwana utali uwawe.**

Mu gihe ababyeyi bali muli programe ya introduction babyaye, bemerewe igihe cyo kwita ku ruhinja babyaye. Icyo gihe kingana n’amezi 10 mu gihe uwo mwana ataramara umwaka umwe avutse.

Komine igomba gukurikirana kandi igatanga ubufasha mu kwiga urulimi, mu gihe uli mu kiruhuko kubera kwita ku ruhinja wabyaye cyangwa uli kurera. Uko gufashwa na komine, biba kuva ku mezi 4 kuva ighe watangiriye gufata icyo kiruhuko.

Iyo ababyeyi bahisemo kurera umwana utali uwo bibyariye,bakabikora kandi bali basanzwe muli program ya intro; bemerewe nabo ikiruhuko cyo kurera kigera ku mezi 10. ibi ni mu gihe umwana biyemeje kurera ali umwana uli munsi y’imyaka 15.

Mu gihe ababyeyi bombi bali muli programe ya introduction, buli mubyeyi yemerewe iminsi 75 yo kwita ku muryango. Mu gihe nk'urugero umugabo adakoresheje iminsi ye 75, ni ukuvuga ko ayibura. Iri tegeko rishobora gusubizwamo nko mu bihe bidasanzwe, nk'iyo nk'umugabo kubera indwara cyangwa ubumuga, adashobora kwita ku bana be.ibi kandi ni nko mu gihe ali mu bitaro. Muli icyo gihe, kugirango itegeko risubirwemo, agomba kuba afite ibipapuro byo kwa muganga bibigaragaza ko atishoboye.

**Impushya**

Birashoboka ko usaba uruhushya muli komine mu gihe ufite nk'impamvu; urugero ni nk'igihe ugiye kwa muganga, ku muganga w'amenyo, iyo ugiye gusaba akazi, ndetse n'ibindi bifite impamvu yumvikana. Ushobora kandi gusaba uruhushya mu gihe uherekeje umwana utangiye ishuri ku munsi wa mbere, cyangwa atangiye barnehage, ushobora gusaba uruhushya kandi mu gihe wapfushije nk'umuntu wa hafi mu muryango. Ibi byose hali ikibazo ubifiteho, wabisaba umujyanama wa programe.

Mu gihe cy'uburwayi bw'igihe kirekire, kandi ubifitiye icyemezo cyo kwa muganga, ushobora kubona uruhushya. Ibi kandi ni no mu gihe ufite umwana nawe ufite uburwayi b'igihe kirekire. Aha ushobora kubona uruhushya ukaba uvuye muli programe ya introducction mu gihe kigera ku mwaka. Muli icyo gihe kandi ntuhembwa na programe ya introction.

**Iminsi y' ikiruhuko n' iminsi mikuru**

Abantu bose bali mu program ya introduction bagira ikiruhuko kuwa gatandatu ndetse no ku cyumweru.

Muli Norge, iminsi ikurikira niyo yemewe nk' iminsi y' ikiruhuko, iyi mindi abantu bose bagira ikiruhuko: ku itariki 1 na 17 mu kwa gatanu, ku itariki ya 1 z' ukwa mbere, mu gihe cya pasika, iminsi y'ikiruhuko ni ku wa kane no kuwa gatanu mebere ya pasika, ndetse ko kuwa mbere nyuma ya pasika. Indi minsi y'ikiruhuko ni umunsi w'izamuka mu ijuru rya Yesu, kuwa mbere nyuma y'umunsi wa pentekote, umunsi ubanziriza noheli, noheli ndetse n'umunsi ukurikira noheli.

Uramutse ugira indi minsi mikuru idahuye n' iyi yavuzwe, ukaba kandi witabira programe ya introduction, ushobora kubona nawe iminsi y' ikiruhuko kandi ukabihemberwa. Wemerewe iminsi igera kuli 2 y' ikiruhuko mu gihe ali iminsi mikuru mu idini urimo. Icyo usabwa kugirango ukoreshe iyo minsi wemerewe, ni ukubwira komine ulimo ukabibamenyesha mbere ho iminsi 14.

**Ikiruhuko**

Buli mwaka wemerewe iminsi 25 y' ikiruhuko. Komine niyo yemeza igihe icyo kiruhuko kibera. Mu gihe k' ikiruhuko wemerewe kuguma uhembwa.